**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**GAHUNDA MPINDURAMATWARA MU BUHINZI N'UBWOROZI (ICYICIRO CYA GATATU) – KONGERA INGENGO Y'IMALI Y'UMUSHINGA P4R (P161000)** ***(TRANSFORMATION OF AGRICULTURE SECTOR PROGRAM PHASE 3 -P4R ADDITIONAL FINANCING***

**Umugereka**
**Isuzuma ry'uburyo bwo Kubungabunga Ibidukikije n'Imibereho Myiza y'Abaturage**
**(*Environment and Social Systems Assessment: ESSA*)**

1. Kongera ingengo y'imari y'inkunga ifasha gahunda mpinduramatwara mu buhinzi n'ubworozi bizajyana no gushyiraho igipimo ngenderwaho gishya (*disbursement linked indicator)* kijyanye no kuvugurura Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi n'ubworozi (NAP) hamwe no kongera intego ku bipimo ngenderwaho bisanzwe. Kongera intego z' ibipimo ngenderwaho bisanze ndetse no gushyiraho igipimo gishya bizafasha goverinoma y'u Rwanda mu bikorwa byayo bishyira imbaraga mu kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi.

2. Kuvugurura Politikiy'Igihugu y'Ubuhinzi n'ubworozi bizatanga icyerekezo nyamukuru mu buhinzi. Iri vugurura rizibanda cyane ku buryo burambye bwo kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa. Politike y'ubuhinzi nshya ntabwo izatanga uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibyerekezo ahubwo ibi bizatangwa na gahunda zigenga ibyiciro bitandukanye bigize ubuhinzi n'ubworozi (*sub-sectoral policies)*. Politike zigenga ibyiciro bitandukanye zizavugururwa cyangwa zitegurwe hagendewe ku mirongo mikuru ya Politike y'Igihugu y'Ubuhinzi n'ubworozi (NAP) (iyo mirongo mikuru ikubiyemo uburyo bwo kwihaza mu biribwa butabangamiye ibidukikije). Ibi bizafasha mu gushimangira imikorere irambye mu gushyira mu bikorwa politike zigenga ibyiciro bitandukanye by'ubuhinzi.

3. Isesengurwa ry'impinduka ritewe no kongera ingengo y'imari kuri P4R ryatanze ibikurikira:
   a) Ibipimo ngenderwaho (DLIs) bijyanye no kongera uburumbuke bw'ubutaka no kongera umusaruro w'ibihingwa by'ibanze (DLI 1,2,3 and 4) nta mpinduka nshya bizatera mu bijyanye no kubungabunga ibidukikije n'imibereho y'abaturage ariko bizasaba kwitwararika ku ngaruka ziziguye n'izitaziguye zituruka ku bikorwa bitandukanye nko kongera ubuso bwuhirwa, kubaka imiyoboro yo kuhira harimo no kubaka ingomero zifasha kubika no gukusanya amazi. Nubwo imikoreshereze y'ingomero ishobora guteza impanuka zikomeye, imwe mu mishinga ya Leta, nk'umushinga wo guteza imbere amajyambere y'icyaro (RSSP) ifite uburyo bunoze bw' imicungire yabyo. Izindi ngaruka zirimo guhumanya amazi cyangwa kugabanuka kw'amazi (atemba cyangwa ay'ikuzimu), kongera isuri, n'ikwirakwizwa ry'indwara ziterwa n'amazi mabi.

   b) Gushyiraho igipimo ngenderwaho cya munani (DLI8) kigamije kuvugurura Politike y'Igihugu y'Ubuhinzi n'ubworozi (NAP) bizafasha kongera muri gahunda ingamba nshya zishobora gufasha mu kubungabunga ibidukikije nk'ubuhinzi

buhangana n'imihindagurikire y'ibihe (*Climate Smart Agriculture*) na gahunda zo gutanga no gusakaza amakuru (*Information and Communication Strategy).*

4. Ingaruka zishobora guterwa n'ibikorwa by'uyu mushinga P4R ntabwo zikabije kandi zishobora kwirindwa hakozwe ibi bikurikira: (i) Gushyira mu bikorwa Uburyo bwo Kubungabunda Ibidukikije n'Imibereho myiza y'abaturage (*Environment and social management system (ESMS*)) bwateguwe na Leta, harimo imirongo ngenderwaho ku mutekano w'ingomero (*Dam safety guidelines*), n' imirongo igenga ibidukikije n'imibereho myiza y'abaturage *(Environment and social implementation Manual, ESIM*). Igikorwa cyo gukwirakwiza iyi mirongo igenga kubungabunga ibidukikije (ESIM) mu turere twose iteganijwe kurangira muri Nzeri 2017. (ii) Kwirinda ibikorwa bishobora kugira ingaruka zikomeye ku bidukikije cyangwa ku buzima bw'abantu. Bimwe mu bikorwa byo kwirindwa, harimo kubaka ingomero z'amazi cyangwa ibikorwa remezo bishobora kugira ingaruka mbi ku mazi asangiweho n'ibindi bihugu (*dam construction/irrigation or drainage infrastructure on transboundary water resources).*

5. Uburyo buhari bwo kubungabunga ibidukije n'imibereho myiza y'abaturage (ESMS) buraboneye ariko, hakenewe kongerwa ingufu mu myumvire no kunoza ibijyanye n'imibereho y' abaturage muri ibi bikurikira:

   - *Gushyiraho ingamba zongerera Leta ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'imirongo ngenderwaho iri muri ESMS.* Ibi bizagerwaho hashyizweho igikorwa gishya cyo "Kongerera ubushobozi abakozi b'Uturere ku mirongo ngenderwaho ikubiye muri ESIM n'imirongo ngenderwaho ku mutekano w'ingomero (*Dam safety*)". Iyi gahunda izibanda kuri ibi bikurikira: (a) Gutanga imirongo ngenderwaho ifatika ku ikoreshwa ry'ingomero ntoya zifata amazi (*Small dams*); (b) gutanga amahugurwa ku bakozi bose ku bijyanye n'uburyo bwagenwe bw'imicungire y'ibintu n'abantu (ESIM). Gahunda y'amahugurwa izategurwa hifashishijwe abakozi bakorera imishinga ya MINAGRI basobanukiwe iyi mirongo ngenderwaho; ibi kandi bigomba gushyirwa mu bikorwa mbere y'uko umushinga wa P4R urangira.

   - *Uburyo bwo guhuza amakuru ku bibazo bitanzwe n'abaturage ku ishyirwa mu bikorwa rya P4R n'ikemurwa ryabyo (Grievance redress mechanism (GRM) database)* buzaba bukora neza (harimo no gutanga amahugurwa yangombwa ku abakozi bo muri MINAGRI) kuva muri Nyakanga 2017. Ibi bizashyigikirwa na gahunda yo gutanga amakuru (*Communication strategy)* iri mu byahinduwe mu bisabwa gukorwa na Leta (*Program Action Plan-* PAP) hagamijwe kugaragaza ko iri kusanyirizo ry'amakuru (*database)* rizwi kandi rikoreshwa n'abagenerwa bikorwa.